REPUBLIC OF RWANDA

NATIONAL POST OFFICE

PO Box. 4 KIGALI,
TEL : (250) 252-582703, 252-582705
E-mail : info@i-posita.rw
Website : www.i-posita.rw

Kigali, on ....28 JUIN 2022....

Our ref N° ...../NPO/6/022DG.drha

ITANGAZO RY'ISOKO RYO GUKANIKA AMAPIKIPIKI

Ofisi y'Igihugu y'Amaposita irifuza gutanga isoko ryo **Gukanika Amapikipiki** yayo, mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) guhera tariki ya 1 Kanama 2022, gishobora kongerwa nyuma y'ubwumvikane hagati y'impande zombi.

Ibisabwa kuri iryo soko biri ahamanikwa amatangazo ku Cyicaro Gikuru cya Ofisi y'Igihugu y'Amaposita, ku rubuga rwa Internet rw'Iposita : www.i-posita.rw, no ku zindi mbuga nkoranya-mbaga z'Iposita, nka Facebook, na Twitter;

Imwe mu mirimo y'Ingenzi izakorwa ni iyi ikurikira:

- Gukora imirimo yo gusimbura ibyuma bishaje mu ipikipiki (Mécanique générale)
- Kumena amavuta (Vidange);
- Gukora "Révision" ya moteri y'ipikipiki;
- Gukanika amapikipiki yagize ikibazo yaba ari mu Kigo cyangwa hanze yacyo (Dépannage);
- Indi mirimo iyo ariyo yose ijyanye n'ubukanishi bw'amapikipiki.

Upiganira iri soko agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kugaragaza amafaranga y'igihembo abariyemo imisoro yifuza ku kwezi kugirango akanike amapikipiki hatitawe ku mirimo yakozwe buri munsi (forfait),
2. Kuba afite uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga "Categorie A"; abaye anafite "Categorie B" byaba ari akarusho ;
3. Kuba afite numero y'Umusoreshwa (TIN) kandi ashobora gutanga Inyemezabwishyu (Facture) ya "EBM";
4. Kuba afite uburambe bw'imyaka 2 mu kazi ko gukanika amapikipiki, bugaragazwa n'ibyemezo bibiri (2) by'abakoresha yakoreye haba mu magaraji azwi kandi yemewe, Ibigo byigenga bizwi; kuba yarakoze mu bigo bya Leta; yaba anafite Icyemezo kigaragaza ko yabyize (TVET Certificate) bikaba ari akarusho.

Amabahasha afunze neza yandikiwe Umuyobozi Mukuru, inyuma handitseho **"Isoko ryo Gukanika Amapikipiki y'Iposita"**, azashyikirizwa "Réception" yo ku Cyicaro Gikuru cy'Iposita ku Muhima, bitarenze tariki ya 14/7/2022 saa yine (10H00), akazafungurwa uwo munsi, mu ruhame, saa yine n'igice (10h30), mu cyumba cy'inama cya Ofisi y'Igihugu y'Amaposita.

Mugire amahoro.

OFFICE NATIONAL DES POSTES

KAYITARE Célestin
Umuyobozi Mukuru